**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO GUTANGIZA UMWAKA W'UBUCAMANZA WA 2021-2022**

**KIGALI, 06/09/2021**

***Nyakubahwa Perezida wa Repubulika*;**

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Ubucamanza, mu izina ry'abacamanza bo mu nkiko zose mu Rwanda n'abandi bakozi b'inkiko muri rusange, no mu izina ryanjye bwite, mbanje kubashimira ku bw'uyu mwanya mwatugeneye kugira ngo twifatanye namwe muri uyu muhango ngarukamwaka wo gutangiza umwaka w'ubucamanza.

Ndashimira kandi ba Nyakubahwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Minisitiri w'Intebe, Abayobozi batandukanye bari hano, Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'Inzego zo mu Rwego rw'Ubutabera, abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bari hano n'abakurikira uyu muhango hifashishijwe ikoranabuhanga.

Uko umwaka utashye, Urwego rw'Ubucamanza rugaragariza Abanyarwanda ibyo rwagezeho mu mwaka w'ubucamanza uba urangiye. Urwego rw'Ubucamanza, nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, rufite ishingano ikomeye yo kurinda uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu binyuze mu byemezo bitandukanye bifatwa n'inkiko.

Muri uyu mwaka wa 2020/2021 dusoje, Urwego rw'Ubucamanza rurishimira ko, n'ubwo habayemo imbogamizi mu mikorere isanzwe y'inkiko kubera amabwiriza yo kwirinda icyorezo cya COVID-19, rwakomeje guha Abanyarwanda ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye. Ibi bigaragarira mu kuba imanza zaciwe n'inkiko muri uyu mwaka zijya kungana

n'izaciwe mu mwaka ushize. Uwo musaruro ukaba ukomoka mu mbaraga Urwego rw'Ubucamanza rwashyize mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ryatumye inkiko zikomeza kuburanisha imanza zimwe na zimwe no gusoma imanza mu bihe hari amabwiriza yo gukorera mu rugo.

Turishimira kandi intambwe Urwego rw'Ubucamanza rukomeje gutera yo guteza imbere uburyo bwo gukemura impaka bushingiye ku bwumvikane n'ubuhuza (*Court mediation*), aho muri uyu mwaka wa 2020-2021, imanza zarangiriye mu nama ntegurarubanza ziyongereyeho 1% ugereranyije n'umwaka wabanje wa 2019-2020. Naho imanza zari zigeze mu iburanisha zikaba zariyongereyeho 42% kubera ko abacamanza bashoboye kwumvikanisha ababuranyi mu manza 61. Urugero rumwe natanga muri izo manza ni aho Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabashije kumvikanisha ababuranyi 112 baburanaga na Banki amafaranga y'u Rwanda agera kuri miliyari esheshatu (6).

Urwego rw'Ubucamanza rwahagurukiye kandi kongera ubudakemwa bw'imanza zicibwa mu rwego rwo gukomeza gutanga ubutabera bunoze. Igipimo cy'ubudakemwa bw'imanza zicibwa n'inkiko kigaragarira ku ngano y'ibyemezo byahinduwe mu bujurire n'imanza zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane, ubu ziri ku gipimo cyo hasi cyane. Mu rwego rwo guhuza imicire y'imanza mu nkiko, Urwego rw'Ubucamanza rukomeje kandi gushyira imbaraga mu gutegura no gutangaza ibyegeranyo by'ibyemezo by'inkiko no guhugura abacamanza n'abakozi b'inkiko hagamijwe kubaka ubushobozi bwabo mu bumenyi butandukanye. Kuri iyi ngingo, navuga kandi ko Urwego rw'Ubucamanza rwaguye amarembo rusinyana amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rw'Ubucamanza rwo mu gihugu cya Singapore, kandi ayo masezerano yatangiye gushyirwa mu bikorwa.

Intego yo gutanga ubutabera bunoze ntiyagerwaho hatitawe ku myitwarire y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko; Urwego rw'Ubucamanza, binyuze mu Nama Nkuru y'Ubucamanza, rukurikirana imikorere y'abacamanza n'abandi bakozi rugafatira ibihano biteganyijwe n'amategeko abagaragaweho imyitwarire inyuranyije n'amahame y'umwuga w'ubucamanza. Muri urwo rwego, muri uyu mwaka dusoje, umucamanza umwe n'abanditsi batatu baregewe Inama Nkuru y'Ubucamanza bafatirwa ibyemezo bitandukanye birimo kwirukanwa burundu, kwamburwa inshingano y'ubuyobozi, guhagarikwa by'agateganyo n'ibindi.

N'ubwo Urwego rw'Ubucamanza hari byinshi rwagezeho mu mwaka w'ubucamanza ushize, haracyari imbogamizi zirukoma mu nkokora mu kazi karwo ka buri munsi, twavugamo nk'izi zikurikira:

- *Kuba umubare w'imanza z'ibirarane mu nkiko ukomeje kwiyongera ku kigero cyo hejuru, bitewe akenshi n'ubwiyongere bw'ibirego byakirwa n'inkiko buri mwaka, nyamara umubare w'abacamanza n'abakozi b'inkiko udahinduka. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gukorana n'inzego bireba kugira ngo hashakishwe uburyo bwo kongera abakozi b'inkiko aho biri ngombwa. Ruzakomeza kandi gukorana n'inzego zigize Urunana rw'Ubutabera hagamijwe gushakira hamwe umuti wo kurushaho gukemura ibibazo bitabaye ngombwa kugera mu nkiko;*
- *Kuba inkiko zigomba gukoresha ikoranabuhanga mu kazi kazo ariko zidafite ibikoresho (IT equipments) bihagije mu guhangana n'iki kibazo n'ibihari bimwe bikaba bishaje cyangwa bidafite ubushobozi buhagije;*
- *Indi mbogamizi Urwego rw'Ubucamanza rufite ni ijyanye n'ibikorwa remezo birimo kubona inyubako zo gukoreramo zihagije kandi ziboneye.*

Muri uyu mwaka dutangiye wa 2021-2022, Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gushyira mu ngiro inshingano zarwo zo kurengera uburenganzira bwa muntu, rutanga ubutabera bunoze kandi butangiwe ku gihe; hubakwa ubushobozi bw'abacamanza mu kuburanisha imanza zisaba ubumenyi bwihariye; kunoza

gahunda y'iburanisha hirindwa icyatuma imanza zisubikwa cyangwa ibyemezo by'inkiko bidasomererwa igihe cyatanzwe; gukomeza gukangurira abaturarwanda kurushaho gukoresha uburyo bw'ubuhuza (mediation) cyane cyane mu manza zireba umuryango n'imanza z'ubucuruzi.

Umurimo wo gutanga ubutabera buboneye, Urwego rw'Ubucamanza ruhuriraho n'izindi nzego, ni ingirakamaro mu kubungabunga uburenganzira bw'abantu, haba ku giti cyabo, cyangwa ku byo batunze. Ni ingirakamaro kandi mu gutsura isura nziza y'Igihugu cyacu mu ruhando mpuzamahanga, bikanatanga ikizere ku bashoramari baba abo mu gihugu, cyangwa abaturuka mu mahanga. Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gukorana n'izindi nzego muri iyo nzira, kugira ngo twubake u Rwanda twifuza, nk'Igihugu cyuje amahoro n'umutekano, kandi gifite iterambere.

Mu gusoza, nongeye kubashimira, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kuba mwabashije kutubonera umwanya wo kwifatanya natwe kuri uyu munsi. Ndongera gushimira kandi abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko muri rusange uruhare bagira mu kurangiza neza inshingano zabo kandi mbasaba ko twarushaho gukora kinyamwuga, twimakaza ukuri, umucyo, n'ubudakemwa mu byemezo dufata, kuko aribyo bituma abatugana bakomeza kutugirira icyizere. Nshimiye kandi abafatanyabikorwa batandukanye, by'umwihariko abari mu nzego zitandukanye z'ubutabera.

Nyakubahwa Prerezida wa Repubulika, twiteguye kumva ijambo mwatugeneye kuri uyu munsi n'impanuro zirikubiyemo.

**Murakoze, mugire amahoro**.